**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO: TB KAMEMBE**

**E-mail: tbkamembe@yahoo.com**

**ITEGEKO RYA PEREZIDA RITEGEKA UMUBURANYI UDAFITE AHO ATUYE CYANGWA ABA MU RWANDA HAZWI CYANGWA UDAFITE AHO ABA HAZWI**

Umwaka wa 2020, umunsi wa 4 w'ukwezi kwa Gashyantare ;

**Twebwe, NDUWAYO Pascal** Perezida w'Urukiko TB KAMEMBE , dufashijwe na **KAGAME Faustin** Umwanditsi w'urwo rukiko ;

**Tumaze** kubona ikirego n°RC 00095/2019/TB/KMB cyatanzwe na **UMURERWA Seraphine** mwene NDIBYARIYE Jean na MUREKATETE Herene , utuye mu Mudugudu wa Rugunga , Akagari ka Gatare, Umurenge wa Niboye , Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali , Tel +250788585620 , uhagarariwe na Me GASHAGAZA Philbert , Tel +2500788304308 , e-mail philga_2000@yahoo.fr ;

Arega uwitwa KAYIHURA Ephrem mwene RUHONGEKA na MUKARIVUZE , utuye mu Mudugudu wa Batero, Akagari ka Gihundwe , Umurenge wa Kamembe , Akarere ka Rusizi , Intara y'Iburengerazuba, umuhesha w'Inkiko w'umwuga , Tel +250783613609 , e-mail ephremkayihura@yahoo.fr , wunganirwa na Me NDIKUMANA Elysé , Tel +250788382577 , e-mail avocat.elisee@yahoo.com ;

**Hakanagobokeshwa** DAGIJIMANA Jacques mwene RUGIRANGONGA na NYIRAKAGORI , wavutse mu mwaka w'1957 , mu Mudugudu w'Intwari-Akagari ka Bibare-Umurenge wa Kimirinko-Akarerer ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali , Tel 0786853432 , **ubarizwa ahatazwi kugeza ubu** ;

**Dushingiye** ku ngingo ya 46 y'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye ibimiburanishirize y'imanza imbonezamubano , iz'ubucuruzi , iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ;

**Dutegetse** ko ihamagara rya **NDAGIJIMANA Jacques** rirebana n'urubanza rwe rwo ku wa **08-04-2020** ritangazwa mu MVAHO NSHYA na kopi y'ikirego cye akazayisanga mu bwanditsi bw'uru Rukiko ;

**Tunategetse NDAGIJIMANA Jacques** kugaragaza umurongo wa interineti azajya amenyesherezwaho ibijyanye byose n'urubanza rwe ;

Bikorewe muri TB Kamembe , ku munsi , ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru .

**Perezida w'Urukiko :** **NDUWAYO Pascal**

**Umwanditsi Mukuru :** **KAGAME Faustin**

URUKIKO RW'IBANZE RWA KAMEMBE
REPUBULIKA Y'U RWANDA